



ICYICARO GIKURU CYA KILIZIYA GATOLIKA KU ISI

UBUTUMWA BWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA W'ITUMANAHU WIZIHIZWA KU NCURO YA 55

« Ngwino wirebere » (Yh1, 46).

Kuvugana n'abantu aho bari hose n'uko tubasanze kose

Bavandimwe,

« Ngwino wirebere », imvugo yakoreshejwe n'abigishwa ba mbere bahuye na Yezu ni na yo ikwiye kuranga umushyikirano w'ukuri hagati y'abantu bose. Kugira ngo tuvuge ukuri n'abuzukuru bacu bazasanga (*reba Ubutumwa bugenewe umunsi mpuzamahanga wa 54 w'itumanaho, ku wa 24 Mutarama 2020*), ni ngombwa ko turenga ya myifatire yo kumva ko hari ibintu ibi n'ibi dusanzwe tuzi. Ahubwo tugahaguruka tugashyira nzira, tukajya kubyirebera ubwacu, tukamarana umwanya n'abantu, duteze amatwi ibyo batubwira, tugashakisha ukuri kwabyo neza. Akenshi tuzatungurwa n'ibyo tumenye ku byo twibwiraga ko twari tuzi. Umuhire Manuel Lozano Garrido yakundaga kugira inama bagenzi be b'abanyamakuru, ati « icyo uzabona cyose kizagutangaze, maze ureke intoki zawe zandike udushya tw'ingirakamaro, kugira ngo nihagira abasoma ibyo wanditse, bazabe bakojeje imitwe y'intoki zabo ku gitangaza gishimishije cy'ubuzima ». Uyu mwaka, ndashaka rero ko ubutumwa bwanjye bwibanda kuri buriya butumire bwa « Ngwino wirebere », bufite akamaro mu itumanaho iryo ari ryo ryose riharanira kumvikana no kuba indakemwa, haba mu binyamakuru, kuri murandasi, mu myigishirize ya Kiliziya kimwe no mu itumanaho rya politiki cyangwa irijyanye n'imibanire y'abantu. « Ngwino wirebere », ni bwo buryo ukwemera kwa gikrisitu kwatugejejweho, guhera ku muni Yezu ahura n'abigishwa ba mbere ku nkombe z'uruzi rwa Yorudani n'iz'ikiyaga cya Galileya.

Niduhaguruke dukore ingendo

Reka tubanze tuvuge ku kibazo gikomere kijyanye no gutangaza amakuru. Hashize igihe kinini abantu bagaragaza impungenge kandi zifite ishingiro z'uko ibinyamakuru byandika, televiziyo, radiyo ndetse na murandasi (enterineti) bishyira imbere gusa kubahiriza amategeko ajyanye n'ishusho nyayo y'inkuru aho kwita ku gutangaza amakuru y'umwimerere. Ibyo bituma gucukumbura amakuru no kugera ku isoko yayo bigomba kuranga itangazamakuru biri kugenda bikendera, bigaha umwanya ibyo gutangaza amakuru yacuzwe n'abantu bakomeye, ya yandi adashobora na rimwe kugaragaza uko ibintu byifashe cyangwa uko abantu babayeho mu by'ukuri, adaha umwanya imibanire y'abantu ndetse n'ibikorwa by'ubwitange byo mu

Bwahinduwe mu Kinyarwanda n'Ubunyamabanga Bukuru bw'Inama y'Abepiskopi mu Rwanda, Ibiro bishinzwe guhindura inyangiko mu zindi ndimi

nzego zo hasi. Ibigo bitangaza amakuru byugarijwe n'ikibazo cyo gutangaza amakuru acuriwe mu byumba abanyamakuru baturiramo, kuri za mudasobwa zabo bwite cyangwa z'ibigo, no ku mbuga nkoranyambaga. Umunyamakuru ntakirirwa ajya ku isoko nyirizina y'amakuru, ngo "akore urugendo", ahure imbonankubone n'abantu bamuha amakuru cyangwa ngo yigerere ku bivugwa kugira ngo yigenzurire ubwe ukuri kwabyo. Niba tudashaka gusohoka ngo duhure n'abantu, nta makuru y'ukuri tuzigera tumenya. Iterambere mu ikoranabuhanga rizakomeza kutujijisha ko twabonye ukuri kose kandi mu buryo bwihuse. Uburyo twakoresha ubwo ari bwo bwose buzatubera ingirakamaro kandi bugire agaciro gusa igihe buzaba budufasha kujya kureba ibintu tutari kumenya ukundi, gutangaza kuri murandasi amakuru atari kuzigera amenyekana, no guhura n'abantu tutari kuzigera tubonana.

Niturebe ingero nziza mu Ivanjili

« Ngwino wirebere », ni yo magambo ya mbere Yezu yabwiye abigishwa bari bafite amatsiko yo kumenya uwo ari we nyuma yo kubatizwa kwe mu ruzi rwa Yorudani (Yh 1, 39). Abahamagarira kugirana ubusabane na We. Nyuma y'ikinyejana n'igice kirenga, Yohani, wari umaze gusaza cyane, uko yanditse Ivanjili ye, yibutsa ibintu bimwe na bimwe « biranga inkuru », igihe yerekana ko yari ahibereye, ndetse n'akamaro ka byo ku byo avuga. Ati « Hari nk'igihe cy'isaha ya cumi », bishatse kuvuga saa kumi za nimugoroba (reba umurongo wa 39). Yohani akongera, ati « Bukeye, Filipo abwira Natanayeli uko yahuye na Mesiya. Inshuti ye irashidikanya, ni ko kumubaza, iti « Hari ikintu cyiza cyaturuka i Nazareti? ». Filipo yirinda kumwumvisha ukuri akoresheje ibitekerezo bye, ahubwo akamusubiza, ati "Ngwino wirebere", (reba umurongo wa 45-46). Natanayeli aragenda arirebera, maze kuva ubwo, ubuzima bwe burahinduka. Uku ni ko ukwemera kwa gikristu kwatangiye kandi ni uko kwagiye guhererekanywa nk'ubumenyi butaziguye, buturutse ku byo umuntu yiboneye ubwe, atari ku byo yumvise bavuga. Yezu amaze kwigisha no gukiza abarwayi mu mujyi wabo, abanyasamariya babwiye wa mugore wari wahuriye na Yezu ku iriba, bati "Ntitucyemezwa n'ibyo watubwiye; natwe twamwiyumviye" (reba Yh 4, 39-42). « Ngwino wirebere » ni uburyo bworoshye bwo gufasha umuntu kumenya ukuri. Ubu ni bwo buryo bwizewe bwakoreshwa n'uwamamaza iby'ukuri. Ngomba kwibonera ubwanjye, kwemera kuvugana n'abo duhura no gutege amatwi ibyo bambwira kugira ngo menye ibyo ntari nzi.

Ndashimira abanyamakuru bagaragaza ubutwari

Itangazamakuru na ryo, nk'ikintu kivuga ukuri, risaba abarikora kujya aho abandi badatekereza kujya. Ibyo bisaba abanyamakuru guhora bakereye kugenda no guhorana inyota yo kwibonera ubwabo, kugira amatsiko, kwifungurira abandi kandi bakabikora babikunze. Nkaba nshima ubutwari n'ubwitange bya benshi muri abo banyamwuga, abanyamakuru, abafata amashusho, abanditsi, abayobozi, bemera gushyira ubuzima bwabo mu kaga gakomeye muri aka kazi bakora. Ku bw'imbaraga zabo, nk'ubu dufite amakuru ku ngorane za rubanda rugufi rutotezwa mu bice bitandukanye by'isi, ingero nyinshi ku ihohoterwa n'akarengane bikorerwa abakene ndetse n'ibidukikije. Hari n'intambara nyinshi zitari gushyirwa ahagaragara iyo batabigiramo uruhare. Kutamenyekana kw'amakuru nk'ayo ntabwo byaba igihombo gusa ku bitangazamakuru, ahubwo byaba ari n'igihombo kuri sosiyete. Byakenesha abatuye isi bese.

Hari ibintu byinshi bibera mu isi, cyane cyane muri iki gihe ihanganye n'icyorezo cya Covid-19 bitabaza itangazamakuru, bita « Nimuze mwirebere ». Dushobora kugwa mu mutego wo gutangaza amakuru ku cyorezo, kimwe no ku bindi bibazo, ku buryo bujyanye gusa n'umurongo w'ibihugu bikize kurusha ibindi ku isi. Dufashe nk'urugero, nk'ubu hariho ikibazo cy'inkingo n'icy'ubuvuzi muri rusange gishobora kwibasira abaturage bakennye cyane. Aha ni nde uzemera gukomeza kutumenyesha ibijyanye no gutegereza igihe kirekire cyo kuvurwa ku baturage bari mu byaro bikennye cyane byo muri Aziya, Amerika y'Epfo ndetse na Afurika? Ubudasa bw'imibereho n'ubukungu ku rwego rw'isi bushobora kugira uruhare muri gahunda yo gukwirakwiza inkingo zo kurwanya covid-19; aho abakene bazahora baza ku mwanya wa

nyuma, maze bwa burenganzira bw'ubuvuzi kuri buri wese bugahera mu magambo gusa. Byongeye kandi, no ku ruhanda rw'abo byitwa ko bakize, ntibashyira ahagaragara akaga kose imiryango yatunguwe no kwisanga mu bukene ibayemo. Biteye agahinda kubona bamwe muri bo, bashize isoni, batanze imirongo imbere y'ibigo by'abagiraneza kugira ngo bahabwe ibyo kurya. Nyamara amakuru nk'ayo ntajya atangazwa.

Ibyiza n'ibibi bya murandasi (internet)

Murandasi n'imbuga nkoranyambaga zitabarika bitanga uburyo butandukanye bwo gutangaza amakuru no kuyasangiza abandi. Bidufasha kumenya ibibera hirya no hino ku isi binyuze mu rujya n'uruza ruhoraho rw'amashusho n'amakuru. Ikoranabuhanga rigezweho rituma tugera ku makuru y'umwimerere akenshi adufitiye akamaro kanini cyane. Hari ubwo murandasi yagiye iba iya mbere mu gutangaza amakuru mu bihe bimwe na bimwe bikomeye. Murandasi rero ni igikoresho gikomeye ariko gisaba abagikoresha kugira ubushishozi. Twese dushobora gutangaza amakuru yirengagijwe n'itangazamakuru risanzwe, gutanga umusanzu wacu muri sosiyete, no gutangaza inkuru nyinshi zirimo iz'ibyiza. Murandasi iduha amahirwe yo kuvuga ibyo tubona, ibibera mu maso yacu no kubisangiza abandi.

Ku rundi ruhanda ariko, hari ikibazo cy'uko hari abakwirakwiza amakuru atari yo bifashishije iki gikoresho. Twamaze gutahura ko amakuru ndetse n'amashusho bishobora gukoreshwa uko umuntu yishakiye, ku mpamvu nyinshi no ku nyungu ze bwite. Ibi simbivuga ngamije kwangisha abantu murandasi, ahubwo ndashaka kubakangurira kugira ubushishozi ku byo bayoherezaho n'ibyo bayisangaho. Twese tugomba kubazwa ibyo dutangaza, amakuru dusangiza abandi, tukirinda kugwa mu mutego wo kuba twakwirakwiza amakuru y'ibinyoma. Twese tugomba kuba abahamya b'ukuri, tukajya kwirebera kugira ngo dasangize abandi ibyo twiboneye.

Nta cyaturutira kwirebera ubwacu

Mu itangazamakuru, nta cyasimbura kuvuga ibyo wiboneye ubwawe. Hari ibintu dushobora kwemera gusa ari uko tubyiboneye ubwacu. Burya iyo umuntu avugana n'abandi ntakoresha amagambo gusa, ahubwo n'amaso, imivugire, ndetse n'ibimenyetso byose birakora. Kuba abantu benshi baragiraga inyota yo kugana Yezu, byaterwaga n'ukuri k'ubutumwa bwe, ariko kwahabwaga uburemere n'uburyo yabaga areba abo abwira, imyitwarire ye, ndetse no guceceka kwe. Abigishwa ntibumvaga amagambo ye gusa, ahubwo banitegerezaga uko avuga. Mu by'ukuri, muri we, Jambo wigize umuntu, Imana itagaragaraga yemeye kwigaragaza, kumvwa no gukorwaho, nk'uko Yohani ubwe yabyanditse (reba 1Yh 1, 1-3). Ibyo umuntu avuga bigira akamaro iyo abigaragaza, abantu bakabyibonera, bigatuma habaho gusabana. Ni yo mpamvu « ngwino wirebere » ari iy'ibihe byose.

Muri ibi bihe, mu makuru ajyanye n'ubuzima, mu bucuruzi ndetse no muri politiki, hadutse umuco utari mwiza wo kuryoshya imivugire ariko ubutumwa ari ntabwo. Uyu cyangwa uriya « Avuga ibintu bitagira uko bingana ariko bidafite icyo bihatse. Nyamara muri ibyo byose ibifite akamaro bingana n'intete ebyiri z'ingano zihishe mu bitebo bibiri by'imyanda. Maze umuntu akazishakishamo umunsi wose, yamara kuzibona agasanga agaciro zifite ntaho gahuriye n'umwanya yataye azishaka. » Aya magambo asebanya y'umwanditsi w'ikinamico w'umwongereza afite icyo yigisha abakristu batanga ubutumwa. Inkuru Nziza yakwirakwiriye ku isi yose ku bwo guhura na buri wese byakozwe n'abantu bemeye “kujya kwirebera”, maze bagatwarwa n'ubumuntu bwagaragaraga mu maso, mu bimenyetso no mu bikorwa by'abababwiraga ibya Yezu Kristu. Buri gikoresho gifite icyo kimaze. Pawulo w' i Tarisi, umwogezabutumwa ukomeye yakabaye rwose yarakoresheje umurongo wa « e-mail » n'ubutumwa bwa « watsapu » cyangwa izindi mbuga nkoranyambaga. Nyamara ukwemera kwe, ukwizera kwe n'urukundo rwe ni byo byakuruye abo mu gihe cye bamutegaga amatwi yigisha, cyangwa bagize amahirwe yo kumarana na we igihe, kumubona mu ikoraniro cyangwa kuganira na we imbonankubone. Imigenzereze ye aho yagendaga yigisha hose, yatumaga

Bwahinduwe mu Kinyarwanda n'Ubunyamabanga Bukuru bw'Inama y'Abepiskopi mu Rwanda, Ibiro bishinzwe guhindura

inyandiko mu zindi ndimi

abantu bibonera ukuri kw'inkuru y'umukiro yamamazaga ku bw'ubuntu bw'Imana bigatuma yera imbuto mu buzima bwabo. Ndetse n'aho uyu mugaragu wa Nyagasani atashoboraga guhura n'abantu imbonankubone, imyitwarire y'abigishwa yoherezagayo yagaragazaga uburyo bwe bwo kubaho muri Kristu (reba 1 Kor 4,17).

Mutagatifu Agusitini yashishikarizaga abantu bo mu gihe cyeye kugenzura mu biriho isohozwa ry'ubuhanuzi buri mu byanditswe bitagatifu agira, ati « Dufite ibitabo mu biganza byacu, ariko ibimenyetso biri imbere y'amaso yacu». Bityo rero, Ivanjili iba iyacu, igihe cyose twakiriye ubuhamya bukomeye bw'abantu bahinduye ubuzima nyuma yo guhura na Yezu. Mu myaka ibihumbi bibiri ishize, bagiye bahura n'abantu bakababwira ibyiza by'ubukristu. Ikibazo dusigaranye rero ni icyo kuvugana n'abantu aho bari hose n'uko tubasanze kose.

Nyagasani, dutoze kutihugiraho
Duhaguruke tujye gushakisha ukuri.

Twigishe kujya kwirebera,
Twigishe gutega amatwi,
Kudatwarwa n'urwikekwe,
No kudafata imyanzuro ihutiyeko.

Twigishe kujya ahanzwe na bese,
Gufata umwanya wo gusobanukirwa,
Kwita ku by'ingenzi,
Kutarangazwa n'ibidafite umumaro,no
Gutahura ibinyoma byiyoberanya nk'ukuri.

Duhe ingabire yo kumenya aho utuye ku isi
N'ubunyamugayo bwo kubwira abandi ibyo twahagazeho.

Bikorewe i Roma, kuri Bazilika ya Mutagatifu Yohani w'i Laterani, ku wa 23 Mutarama 2021, ku mugoroba ubanziriza umunsi mukuru wa Mutagatifu Fransisko wa Salezi

Papa Fransisko